

Serivisi zoherejwe ku miryango ifite abana bato



Cyangwa Hamagara
207-287-3991

WIC Gahunda y'imirire (WIC Nutrition Program)

WIC iha abagore batwite, abagore bonsa hamwe n'abana kugeza ku myaka 5, harimo n'ababarera. WIC ibungabunga imirire yuzuye kandi itanga indyo nziza, inyigisho z'imirire imfashanyo ku babyeyi bonsa hamwe no gutanga ibindi bikorwa.



Cyangwa hamagara
800-698-3624

Abana bakeneye ubuvuzi bwihariye (Children with Special Health Care Needs - CSHN)

Abana bafite ubuvuzi bwihariye bakorana n'imiryango yita ku bana bafite ubuvuzi bwihariye bari munsu y'imyaka 22. CSHN ishobora kurinda imiryango n'ibigo mu gushaka ibikoresho bihuye neza n'ibyifuzo by'umwana wabo. Abakozi bashobora kuyobora imiryango binyuze mu buryo bwo kuvura bigoye, ikabahuza n'ubuvuzi buzagera ku bisubizo byiza bishoboka by'abarwayi.



Gahunda yo kwita ku mutekano (Plan of Safe Care - POSC)

Gahunda ya Maine yo Kwita ku mutekano yashyizweho hagati y'ubuvuzi cyangwa serivisi zita ku mibereho, umubyeyi na/ cyangwa abandi barezi, ikagaragaza imbaraga z'umuryango n'ibikenewe, umutungo w'abagenerwabikorwa n'ibikorwa byo gufasha neza n'ibikorwa byashyirweho impinja n'imiryango. Gahunda yo kwita ku mutekano ikubiyemo kuborohera serivisi cyangwa gutanga amakuru y'imiryango kugirango babakurikirane.



Cyangwa hamagara
1-888-644-1130

Cradle ME Uburyo bwoherejwe (Cradle ME Referral System)

CradleME igufasha kuguhuza na serivisi iboneye mu rugo hamwe n'umwana wawe ku buntu. CradleME ni ubufatanye hagati ya gahunda ebyiri: Ubuforomo bw'ubuzima rusange n'imiryango ya Maine.



Imiryango ya Maine (Maine Families)

Imiryango ya Maine ni umuyoboro rusange w'amatsinda y'abaturage akenera abagore batwite n'ababyeyi bafite impinja. Abashyitsi mu rugo kandi babigize umwuga bazafatanyaga nawe kubona amakuru n'umutungo ushobora gufasha ubuzima bw'umubiri n'umutima by'umwana wawe n'umuryango wose.



Cyangwa Hamagara
877-770-8883

Serivisi y'Iterambere ry'Umwana/ Kumurinda hakiri kare (Child Development Services/Early Intervention)

Serivisi y'Iterambere ry'umwana/Uburyo bwo kumurinda hakiri kare ni ishamba ry'uburezi ritanga kurinda hakiri kare (kuva akivuka kugeza ku myaka ibiri) hamwe n'uburezi bukwiye bwa leta ku buntu (kuva ku myaka itatu kugeza ku myaka itanu) iyobowe n'ishamba ry'uburezi rya Maine.



Cyangwa hamagara
1-855-797-4357

Ubuzima kuri Maine (Health Coverage for Maine)

Ubuzima kuri Maine (CoverME.gov) itanga amakuru ku buntu cyangwa ku kiguzi cyo hasi ku byerekeye uburyo bw'ubwishingizi bw'ubuzima ku miryango ya Maine. Ushobora kandi kubona ububiko bw'amashyirahamwe y'inzego z'ibanze zishobora kugufasha kumva uburyo bwo gukwirakwiza no kuzuza ubusabe.



Cyangwa guhamara
207-441-5852

Intangiriro/Intangiriro ya mbere (Head Start/Early Head Start)

Head Start itanga kare uburere bw'abana bato ku bana bafite imiryango yubahiriza amabwiriza y'ubukene. Head Start ni gahunda iterwa inkunga na federasiyo, gahunda yuzuye y'ubuto bw'ishuri igamije guhuza amarangamutima, imibereho, ubuzima, imirire n'ibitekerezo by'abana bafite imyaka 3 kugera kuri 5 n'imiryango yabo. Ifasha guteza imbere ubushobozi bw'imibereho mu bana kandi iteza imbere kwihaza binyuze mu buryo bwuzuye bwibanda ku muryango. Gahunda ya Early Head Start (yashyizweho mu 1994) ni gahunda yo gufasha yashyizweho kugirango ikemure ibibazo bimwe by'abana kuva bavutse kugera ku myaka 3 ababyeyi batwite n'imiryango yabo.



Ubuforomo bw'ubuzima rusange (Public Health Nursing - PHN)

Maine CDC abaforomo bashinzwe ubuzima rusange batanga serivisi z'ubuzima mu rugo. Abagore batwite n'ababyaye ndetse n'impinja zose hamwe n'abana kugeza ku mezi 12 y'amavuko bashobora gusurwa n'umuforomokazi w'ubuzima rusange. Niba ufite ibibazo by'ubuzima bw'umwana wawe, ushobora gusaba umuforomo umwanya uwariwo wose uhamagara nimero ya CradleME.

Kugira ngo usuzume kode ya QR, fungura progaramu ya kamera ku bikoresho bwawe. Erekeza kuri kode ya QR ushaka gusikana. Reba ibendera hejuru ya ecran-kanda kugirango ukurikire ku rubuga. Iki kigo gitanga amahirwe angana.

